

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 024/03 RYO KU WA 19/10/2022 RYEREKEYE INDAMUNITE Z'ABAKOZI BA LETA N'AMAFARANGA Y'ISHYINGURA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 024/03 OF 19/10/2022 ON ALLOWANCES OF PUBLIC SERVANTS AND FUNERAL EXPENSES</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 024/03 DU 19/10/2022 RELATIF AUX INDEMNITÉS DES AGENTS DE L'ÉTAT ET AUX FRAIS FUNÉRAIRES</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: INDAMUNITE Z'ABAKOZI BA LETA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ALLOWANCES OF PUBLIC SERVANTS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: INDEMNITÉS DES AGENTS DE L'ÉTAT</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Indamunite zigenerwa umukozi wa Leta</u></p>	<p><u>Article 2: Allowances granted to a public servant</u></p>	<p><u>Article 2 : Indemnités accordées à un agent de l'État</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Indamunite y'icumbi n'iy'urugendo</u></p>	<p><u>Article 3: Accommodation and transport allowances</u></p>	<p><u>Article 3 : Indemnité de logement et celle de transport</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Inkunga yo kwivuza n'iy'ubwiteganyirize</u></p>	<p><u>Article 4: Contribution for medical care and social security</u></p>	<p><u>Article 4 : Contribution aux frais médicaux et à la sécurité sociale</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Indamunite y'ubuyobozi</u></p>	<p><u>Article 5: Responsibility allowance</u></p>	<p><u>Article 5 : Indemnité de responsabilité</u></p>

<p><u>UMUTWE WA III: AMAFARANGA Y'ISHYINGURA</u></p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Amafaranga y'ishyiringura</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Abagenerwa amafaranga y'ishyiringura n'ibisabwa kugira ngo atangwe</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Igihe amafaranga y'ishyiringura atangirwa</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Korohereza urugendo abakozi ba Leta mu gushyiringura uwo bakoranaga</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER III: FUNERAL EXPENSES</u></p> <p><u>Article 6:</u> Funeral expenses</p> <p><u>Article 7:</u> Beneficiaries of funeral expenses and requirements for its granting</p> <p><u>Article 8:</u> Period of granting funeral expenses</p> <p><u>Article 9:</u> Transport facilitation for public servants participating in funeral ceremonies of a workmate</p> <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : FRAIS FUNÉRAIRES</u></p> <p><u>Article 6 :</u> Frais funéraires</p> <p><u>Article 7 :</u> Bénéficiaires de frais funéraires et conditions de leur octroi</p> <p><u>Article 8 :</u> Période d'octroi de frais funéraires</p> <p><u>Article 9 :</u> Facilitation de transport pour des agents de l'Etat participant aux funérailles d'un collègue</p> <p><u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 10:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p><u>Article 11:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 10 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p><u>Article 11 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 024/03 RYO KU WA 19/10/2022 RYEREKEYE INDAMUNITE Z'ABAKOZI BA LETA N'AMAFARANGA Y'ISHYINGURA</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 56 n'iya 87;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/07/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 024/03 OF 19/10/2022 ON ALLOWANCES OF PUBLIC SERVANTS AND FUNERAL EXPENSES</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants as amended to date, especially in Articles 56 and 87;</p> <p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 29/07/2022;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 024/03 DU 19/10/2022 RELATIF AUX INDEMNITÉS DES AGENTS DE L'ÉTAT ET AUX FRAIS FUNÉRAIRES</p> <p>Le Premier Ministre ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'Etat telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 56 et 87 ;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 29/07/2022 ;</p> <p>ARRÊTE :</p>
--	--	--

<p>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena –</p> <p>1° indamunite z’abakozi ba Leta n’uburyo zibarwa;</p> <p>2° n’ingano y’amafaranga yo gufasha umuryango w’umukozi wa Leta wafuye mu kumushyngura.</p>	<p>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines –</p> <p>1° allowances of public servants and modalities for its calculation; and</p> <p>2° the amount of money to support the family of a deceased public servant for his or her funeral.</p>	<p>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</p> <p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine –</p> <p>1° les indemnités des agents de l’État et les modalités de leur calcul ; et</p> <p>2° le montant d’argent pour soutenir la famille d’un agent de l’État décédé pour ses funérailles.</p>
<p>UMUTWE WA II: INDAMUNITE Z’ABAKOZI BA LETA</p> <p><u>Ingingo ya 2: Indamunite zigenerwa umukozi wa Leta</u></p> <p>Leta igenera umukozi wayo indamunite zikurikira:</p> <p>1° indamunite y’icumbi;</p> <p>2° indamunite y’urugendo;</p> <p>3° inkunga yo kwivuzza;</p> <p>4° inkunga y’ubwiteganyirize;</p> <p>5° indamunite y’ubuyobozi ku bakozi ba</p>	<p>CHAPTER II: ALLOWANCES OF PUBLIC SERVANTS</p> <p><u>Article 2: Allowances granted to a public servant</u></p> <p>The State grants to a public servant the following allowances:</p> <p>1° accommodation allowance;</p> <p>2° transport allowance;</p> <p>3° contribution for medical care;</p> <p>4° contribution for social security;</p> <p>5° responsibility allowance for public</p>	<p>CHAPITRE II: INDEMNITÉS DES AGENTS DE L’ÉTAT</p> <p><u>Article 2 : Indemnités accordées à un agent de l’État</u></p> <p>L’État accorde à un agent de l’État les indemnités suivantes :</p> <p>1° l’indemnité de logement ;</p> <p>2° l’indemnité de transport ;</p> <p>3° la contribution des frais médicaux ;</p> <p>4° la contribution à la sécurité sociale ;</p> <p>5° l’indemnité de responsabilité pour les</p>

Leta bavugwa muri iri teka.	servants referred to in this Order.	agents de l'État visés au présent arrêté.
<p>Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ashobora kugena izindi indamunite zibarirwa mu mushahara mbumbe w'umukozi wa Leta, amaze kugisha inama Minisitiri ufite imari mu nshingano n'umuyobozi ufite ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Indamunite y'icumbi n'iy'urugendo</u></p> <p>Indamunite y'icumbi n'iy'urugendo zibarwa ku buryo bukurikira:</p> <p>1° indamunite y'icumbi ingana na kimwe cya karindwi (1/7) cy'umushahara fatizo w'umukozi wa Leta;</p> <p>2° indamunite y'urugendo ingana na kimwe cya karindwi (1/7) cy'umushahara fatizo w'umukozi.</p>	<p>The Minister in charge of public service may determine other allowances to be included in the gross salary of a public servant after consultation with the Minister in charge of finances and the competent authority.</p> <p><u>Article 3: Accommodation and transport allowances</u></p> <p>Accommodation and transport allowances are calculated as follow:</p> <p>1° accommodation allowance is equal to seventh (1/7) of the basic salary of a public servant;</p> <p>2° transport allowance is equal to seventh (1/7) of the basic salary of a public servant.</p>	<p>Le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions peut déterminer d'autres indemnités à inclure dans le salaire brut d'un agent de l'État, après avoir consulté le Ministre ayant les finances dans ses attributions et l'autorité compétente.</p> <p><u>Article 3 : Indemnité de logement et celle de transport</u></p> <p>L'indemnité de logement et celle de transport sont calculées comme suit :</p> <p>1° l'indemnité de logement est égale à un septième (1/7) du salaire de base d'un agent de l'État ;</p> <p>2° l'indemnité de transport est égale à un septième (1/7) du salaire de base d'un agent de l'État.</p>
<p><u>Ingingo ya 4: Inkunga yo kwivuza n'iy'ubwiteganyirize</u></p> <p>Inkunga yo kwivuza n'iy'ubwiteganyirize zigenwa kandi zikabarwa hakurikijwe amategeko agenga ubwiteganyirize bw'abakozi.</p>	<p><u>Article 4: Contribution for medical care and social security</u></p> <p>Contribution for medical care and for social security are determined and calculated in accordance with laws on social security in public service.</p>	<p><u>Article 4 : Contribution aux frais médicaux et à la sécurité sociale</u></p> <p>Les contributions aux frais médicaux et à la sécurité sociale sont déterminées et calculées conformément aux dispositions des lois sur la sécurité sociale dans la fonction publique.</p>

<p><u>Ingingo ya 5: Indamunite y’ubuyobozi</u></p> <p>Indamunite y’ubuyobozi ingana na gatanu ku ijana (5%) y’umushahara fatizo wa buri kwezi w’umukozi uyobora abandi bakozi.</p> <p>Indamunite y’ubuyobozi igenerwa umukozi ufite inshingano yo kuyobora abandi bakozi ba Leta bari ku rwego rumwe rw’umurimo, hashingiwe ku mbonerahamwe y’imyanya y’imirimo yemejwe.</p> <p><u>UMUTWE WA III: AMAFARANGA Y’ISHYINGURA</u></p> <p><u>Ingingo ya 6: Amafaranga y’ishyingura</u></p> <p>Iyo umukozi wa Leta apfuye, urwego yakoreraga rugenera umuryango we amafaranga y’u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000 FRW) adakatwa yo kumushyingura.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Abagenerwa amafaranga y’ishyingura n’ibisabwa kugira ngo atangwe</u></p> <p>Amafaranga y’ishyingura ahabwa uwashyingiranywe mu buryo bwemewe n’amategeko n’umukozi wa Leta wapfuye cyangwa abazungura be. Iyo nta muzungura uhari, ubuyobozi bw’Umurenge bugena undi</p>	<p><u>Article 5: Responsibility allowance</u></p> <p>The responsibility allowance is five (5 %) percent of the monthly basic salary of the supervisor.</p> <p>Responsibility allowance is allocated to a public servant who, in accordance with the approved organisational structure, is a supervisor of other public servants on the same job level.</p> <p><u>CHAPTER III: FUNERAL EXPENSES</u></p> <p><u>Article 6: Funeral expenses</u></p> <p>If a public servant dies, his or her employing institution grants to his or her family a funeral expenses equivalent to one million Rwandan Francs (FRW 1,000,000) net.</p> <p><u>Article 7: Beneficiaries of funeral expenses and requirements for its granting</u></p> <p>Funeral expenses are granted to the legally recognised spouse or the heirs of the deceased public servant. In case there are no heir, the Sector authority determines another beneficiary.</p>	<p><u>Article 5 : Indemnité de responsabilité</u></p> <p>L’indemnité de responsabilité est égale à cinq pour cent (5 %) du salaire de base mensuel du superviseur.</p> <p>L’indemnité de responsabilité est allouée à un agent de l’État qui, conformément à la structure organisationnelle approuvée, a la responsabilité de superviser d’autres agents de l’État de même niveau de poste d’emploi.</p> <p><u>CHAPITRE III : FRAIS FUNÉRAIRES</u></p> <p><u>Article 6 : Frais funéraires</u></p> <p>Lorsqu’un agent de l’État décède, l’institution pour laquelle il travaillait octroie à la famille du défunt, les frais funéraires équivalant à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) net.</p> <p><u>Article 7 : Bénéficiaires de frais funéraires et conditions de leur octroie</u></p> <p>Les frais funéraires sont octroyés au conjoint légalement reconnu ou aux héritiers d’un agent de l’État décédé. Dans le cas où il n’y a pas d’héritier, l’autorité de Secteur détermine un autre bénéficiaire.</p>
--	--	--

<p>muntu uyahabwa.</p> <p>Amafaranga y’ishyingura atangwa iyo abayagenerwa bagaragaje icyemezo cy’uko umukozi wa Leta yapfuye, gitangwa n’ibitaro cyangwa irindi vuriro ryemewe na Leta cyangwa urwego rw’ibanze rubifitiye ububasha, by’aho umukozi wa Leta yapfiriye.</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Igihe amafaranga y’ishyingura atangirwa</p> <p>Amafaranga y’ishyingura atangwa mbere y’ishyingura.</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Korohereza urugendo abakozi ba Leta mu gushyingura uwo bakoranaga</p> <p>Iyo umukozi wa Leta yapfuye, urwego rwa Leta yakoreraga rworohereza urugendo abakozi ba Leta bakoranaga mu buryo bukwiye, hashingiwe ku mubare w’abakozi b’urwego bahawe uruhushya rwo kwitabira imihango yo gushyingura.</p>	<p>Funeral expenses are granted after beneficiaries have provided a death certificate issued by a hospital or another health facility recognised by Government, or by the competent local administrative entity of where death of a public servant occurred.</p> <p><u>Article 8:</u> Period of granting funeral expenses</p> <p>The funeral expenses are granted before the funeral.</p> <p><u>Article 9:</u> Transport facilitation for public servants participating in funeral ceremonies of a workmate</p> <p>In case of death of a public servant, his or her employing State organ provides an appropriate transportation facilitation to workmates of the deceased public servant basing on the number of public servants given permission to participate in funeral ceremonies.</p>	<p>Les frais funéraires sont octroyés après que les bénéficiaires ont fourni un certificat de décès délivré par un hôpital ou un autre établissement de santé reconnu par le Gouvernement, ou par l’entité administrative locale compétente où le décès d’un agent de l’État a eu lieu.</p> <p><u>Article 8 :</u> Période d’octroi de frais funéraires</p> <p>Les frais funéraires sont octroyés avant les funérailles.</p> <p><u>Article 9 :</u> Facilitation de transport pour des agents de l’État participant aux funérailles d’un collègue</p> <p>En cas de décès d’un agent de l’État, l’organe de l’État employeur fournit aux collègues de l’agent de l’État décédé une facilitation appropriée de transport en se basant sur le nombre des agents de l’État autorisés à participer aux funérailles.</p>
---	--	--

<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 10:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 10 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 11:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 11 :</u> Entrée en vigueur</p>
<p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 19/10/2022

(Sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

(Sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Minister of Public Service and Labour
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux